

**Project on Skills training and Job Obtainment Support for Social Participation of  
Ex-Combatants and Other People with Disabilities**  
**Umushinga wo gutanga ubumennyi n'ubushobozi bigamije gufasha abantu bahoze  
ari abasirikare n'abandi bafite ubumuga kwihangira imirimo**

## **Celebration the Disability Employment Award !! Kwizihiza itangwa ry'igihembo cyo guha akazi abafite ubumuga!!**



Hotel Muhabura received the Best Award.  
Hoteli Muhabura yabonye Igihembo cya mbere



Hotel Owner (top left) and 3 disabled workers (bottom)  
Nyiri Hoteli (ibumoso hejuru) n'abakozi 3 bafite ubumuga (hasi)



The Best Award Trophy  
Igikombe nk'igihembo  
cya mbere

**JICA/RDRC ECOPD Project organized Disability Employment Award Celebration in collaboration with NCPD (National Council of Persons with Disabilities) and MIFOTRA (Ministry of Public Service and Labour) on 23<sup>rd</sup> March, 2013. This event celebrated organizations which employ Persons with Disabilities (PWDs) positively, and good business partners with cooperatives of PWDs member, in order to promote on employment for PWDs. The participants were interested very much in this celebration because this was the first celebration in Rwanda regarding employment for PWDs. In the celebration, Mr. Murangira Bosco, Employment Policy & Strategies Officer of MIFOTRA, introduced national policy and future direction on promotion of Employment for PWDs.**

**Umushinga JICA/RDRC ECOPD wateguye Kwizihiza itangwa ry'igihembo ku wahaye akazi abafite ubumuga ufatanyije na NCPD (Inana y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga) na MIFOTRA (Ministeri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo) ku itariki ya 23 Werurwe 2013. Uyu muhango wari uwo gushimira ibigo bikoresha neza abantu bafite ubumuga, hamwe n'abafatanyabikorwa beza b'amakoperative arimo abanyamuryango bafite ubumuga kugirango hatezwe imbere guha akazi abantu bafite ubumuga. Abari bahari bishimiye cyane uwo muhango kuko wari uwa mbere mu Rwanda werekeranye n'itangwa ry'akazi ku Bantu bafite ubumuga. Muri uwo muhango, Bwana Murangira Bosco, Umukozi wo muri MIFOTRA ushinze Umurongo ngenderwaho n'Ingamba byo gutanga akazi yasobanuye umurongo ngenderwaho n'icyerekezo cy'ahazaza cyo Guha akazi Abantu bafite ubumuga.**



Presentation by MIFOTRA  
Ikiganiro cyatanzwe na MIFOTRA

5 organizations in the ECOPD Project partners were nominated as awardees. The 5 organizations were awarded in the celebration, and one of them was awarded as the best disability employment organization. All participants desired that this celebration should be organized by government authorities at national level continually.

Ibigo 5 by'abafatanyabikorwa b'Umushinga ECOPD byahawe ibihembo. Ibyo bigo 5 byahembewe muri uwo muhango, kandi kimwe muri byo cyahawe igihembo cy'indashyikirwa mu guha akazi abantu bafite ubumuga. Abari bahari bose bifuje ko uwo muhango wajya utegurwa n'Abayobozi b'inzego za Leta ku rwego rw'Igihugu ku buryo buhoraho.

**Introduction of 5 Awardees**      **Ibisobanuro ku Bigo 5 byahembwe**  
**Hotel Muhabura (Best Awardee)**      **Hoteli Muhabura (Yahawe igihembo cya mbere)**

Hotel Muhabura was built in 1954, is well-known as the oldest hotel in Musanze. Many guests visited to the Hotel because of good services and nice foods. 3 PWDs are employed in the Hotel since 2011. The 3 employees are brothers, and small height due to their impairment. They begged on the street to survive before they work at the Hotel Muhabura. Some people threw stones at them, and some people treated them as if they were small children. But, Ms. Rusingizandekwe Gaudence, owner of the Hotel, invited them to work at the Hotel Muhabura. Now, they are in charge of reception, cleaner and cook assistant. They have a dream of having own house for independent living.

The Hotel Muhabura also took the initiative to make buildings into barrier-free facilities. For instance, several ramps were made at the entrance of buildings for easy access. Gaudence said “I have leg’s impairment and I have experiences as PWDs. I hope that all our guest in spite of with disability or without disability, make themselves at home in our hotel.”

Hoteli Muhabura yashinzwe mu 1954, izwi cyane nka hoteli imaze igihe kirekire kurusha izindi muri Musanze. Abashyitsi benshi bajya muri iyo Hoteli kubera serivisi n’amafunguro meza bihatangwa. Abantu 3 bafite ubumuga bahawe akazi muri iyo Hoteli guhera muri 2011. Ni abakozi 3 b’abavandimwe, kandi bafite ubugufi bwatwe n’ubumuga bwabo. Basabirizaga mu muhanda kugirango babeho mbere yo kuza gukora muri Hoteli Muhabura. Abantu bamwe babateraga amabuye, naho abandi babafataga nk’aho ari abana batoya. Ariko, Madamu Rusingizandekwe Gaudence, Nyiri iyo Hoteli, yarabahamagaye kugirango abahe akazi muri Hoteli Muhabura. Muri iki gihe, bashinzwe kwakira abashyitsi, gukora isuku no gufasha abateka. Baratekereza kuziyubakira inzu kugirango babeho mu bwisanzure.

Hoteli Muhabura yashyizeho inyubako zorohera abantu abafite ubumuga. Urugero : Utuyira twinshi duhanamyeye dusimbura ingazi twashyizwe aho binjirira mu nyubako kugirango byorohe kuzigeramo Gaudence yaravuze ati “Mfite ubumuga bw’akaguru kandi mfite ubunararibonye nk’abantu bafite ubumuga. Ndizera ko abashyitsi bacu bose n’ubwo baba bafite ubumuga cyangwa batabufite, baza bisanga muri hoteli nk’iwabo.”

Working at the garden  
Barakora mu busitani



### Huye Mountain Coffee (Rwanda Union Specialty Coffee Roasters Ltd)

Huye Mountain Coffee is connected in business with a cooperative which was created by ECOPD Project trainees, i.e. PWDs. The enterprise buys small coffee bags which are made by the cooperative at Huye. These coffee bags are sold at the airport and supermarkets, and popular with tourists as nice souvenir. Mr. David Rubanzangabo, president is satisfied with the cooperative's works.

Huye Mountain Coffee ikorana mu bucuruzi na koperative yashinzwe n'abanyeshuri b'Umushinga ECOPD ni ukuvuga abantu bafite ubumuga. Urwo ruganda rugura udupfunyika duto bashyiramo ikawa i tudodwa na koperative y'i Huye. Utwo dupfunyika dushyirwamo ikawa igurishwa ku kibuga cy'indege no mu maduka manini, kandi idukundwa cyane na ba mukerarugendo badufata nk'urwibutso rukomeye. Bwana David Rubanzangabo, Perezida w'urwo ruganda ashimishwa n'imirimo ikorwa n'iyoko koperative.



Colorful coffee bags and Huye Mountain Coffee  
Udupfunyika tw'amabara dushyirwamo ikawa na  
Huye Mountain Coffee



The cooperative members are proud of their works.  
Abanyamuryango ba koperative bishimira ibyo bakora.

### SOCORWA (Société de Confection Rwandaises Limited, Tailoring Enterprise) (Sosiye Nyarwanda y'Ubudozi)

SOCORWA at Kicukiro established in 1960 as a workshop under HVP Gatagara in order to provide skills training and employment opportunity for PWDs. In 2007, the SOCORWA became commercial company independently. 21 workers among 31 have physical impairments. 200 PWDs were trained in collaboration with partners. 160 PWDs among 200 were trained under JICA project.

SOCORWA iherereye ku Kicukiro, yashinzwe mu 1960 na HVP Gatagara kugirango yigishe umwuga w'ubudozi kandi ihe n'akazi abantu bafite ubumuga. Mu 2007, SOCORWA yabaye ikigo cy'ubucuruzi cyigenga. Abakozi 21 muri 31 bafite ubumuga bw'ingingo. Abantu 200 bafite ubumuga barahuguwe ku bufatanye n'abafatanyabikorwa. Abantu 160 bafite ubumuga kuri 200 bahuguwe n'umushinga wa JICA.



Mr. Tuyizere Oswald, NCPD officer (left) awarded 2 SOCORWA staff the certificate.

Bwana Tuyizere Oswald, Umukozi wa NCPD (ibumoso) yahaye abakozi 2 ba SOCORWA impamyabushobozi.



Tailoring training for PWDs  
Amahugurwa y'ubudozi ahabwa abantu bafite ubumuga

### VTC Nyanza (Public Vocational Training Center) (Ikigo cya Leta gitanga amahugurwa y'imyuga)

VTC Nyanza in collaboration with JICA had trained more than 300 PWDs since 2007. In addition, they made their buildings into barrier-free facilities. Through these long-term cooperation activities, VTC Nyanza is recognized as model center as inclusive VTC. The VTC employ Ms. Germaine Byukusenge, a wheelchair user as knitting course trainer since 2012. Mr. Simon Mudumiro emphasized, "The importance is knitting skill as trainer. Disability has nothing to do with requirement of trainer".

VTC Nyanza ifatanyije na JICA yahuguye abantu bafite ubumuga barenga 300 kuva muri 2007. Ikindi kandi, bashyizeho inyubako zorohera abantu bafite ubumuga. Bitewe n'ibyo bikorwa byaturutse ku bufatanye bw'igihe kirekire, VTC Nyanza izwi nk'ikigo ntangarugero cyigisha imyuga kidaheza. Iyo VTC ikoresha Madamu Germaine Byukusenge, ugendera mu igare ry'abantu bafite ubumuga nk'umwalimu wigisha isomo ryo kuboha imipira kuva muri 2012. Bwana Simon Mudumiro ashimangira ko, "Icy'ingenzi ari ubumenyi afite mu kuboha imipira nk'umwalimu. Ubumuga ntaho buhuriye n'ibisabwa umwalimu".



Knitting trainer(right) and trainers  
Umwalimu wigisha kuboha imipira (iburyo)  
n'abanyeshuri



The director (left) & Knitting trainer (bottom middle)  
Umuyobozi (ibumoso) & Umwalimu wigisha kuboha  
imipira (hasi mu gice cyo hagati)

### Faith Victory Association(FVA, NGO) Ishyirahamwe Faith Victory(Umuryango utegamiye kuri Leta)

FVA is NGO which support for vulnerable groups including disabled children. Mr. Zinda Victor, a wheelchair user, is sponsorship & fundraising manager in the FVA. It's quite difficult for him to move in the town by his wheelchair because of inadequate infrastructure. Therefore, the FVA prepare a car for his commute every day. Victors enjoys his work environment with his colleagues without any discrimination.

FVA is Umuryango utegamiye kuri Leta ufasha abantu bababaye kurusha abandi harimo n'abana bafite ubumuga. Bwana Zinda Victor, ugendera mu igare ry'abana abafite ubumuga, ashinzwe ibyerekeye gushaka no gutera inkunga muri FVA. Biramugora kujya mu mujyi akoresheje igare ry'abantu abafite ubumuga kubera ko hari inyubako zitamworohereza. Ni yo mpamvu FVA imwoherereza imodoka yo kumutwara buri munsu. Victor yishimira ahantu akorera n'abo bakorana nta vangura.



Victor(middle) & Mr. Mwanafunzi Willy, Executive Director of FVA(left)  
Victor (hagati) na Bwana Mwanafunzi Willy, Umuyobozi  
Nshingwabikorwa wa FVA (ibumoso)



Zinda Victor